# Language: Kinyabwisha

## Book: Matthew

## Matthew

## Book: Mark

## Mark

## Book: Luke

## Luke

## Book: John

## John

## Book: Acts

## Acts

## Book: Romans

## Romans

## Book: 1 Corinthians

## 1 Corinthians

## Book: 2 Corinthians

## 2 Corinthians

## Book: Galatians

## Galatians

## Book: Ephesians

## Ephesians

## Book: Philippians

## Philippians

## Book: Colossians

# Colossians

# Book: 1 Thessalonians

# 1 Thessalonians

# Book: 2 Thessalonians

# 2 Thessalonians

# Book: 1 Timothy

# 1 Timothy

# Book: 2 Timothy

# 2 Timothy

# Book: Titus

# Titus

# Book: Philemon

# Philemon

# Book: Hebrews

# Hebrews

# Book: James

# James

# Book: 1 Peter

# 1 Peter

# Book: 2 Peter

# 2 Peter

### Chapter 2

**1** Ariko nguko hariho imbuzi z'ububesi m'ubwoko bwa Israeli, ni guco muri mwewe hakavukemo abalimu
b'ububesi, bakayije n'inyigisho zo gucamo abandu ibice mu siri, no kuzana urupfu. Kandi bakihakane
Shebuja wabapfiriye, wabacugwiye, barigukurikira kurimbuka vuba. **2** Ingeso zebo zimwazize,abandu
kangari bakazikurikize barigutukisa injira za kweli. **3** Kandi kugifuza kwebo kukatume babendaho ifaida
barikubabesesa amagambo go bagihimbire bonyine. Ariko urubanza batsindisizwe ni rwo guturuka
mbere, ndo rukahere, no kurimbuka kwebo ndo gukasinzire. **4** Kubera ko Imana ndo yababariye malaika
bakorire ibyaha, ahubwo yaabagogomeseze m'ucobo kireyi, yababoheseze umunyuroro g'umuyobe, kandi

ibarindirije kubatsindisa urubanza. 5 Niba itarekire isi ya kera, ahubwo ikarokora Nowa, we mwalimu
w'ubutabera n'abandi barindwi gusha, igihe yazanaga umujure kw'isi y'ingozi z'ibibi, kandi igatsindisa
gusenywa, 6 no guhindurwa itazi imiji ya Sodomo na Gomora, ikayitangaho umufano ku ngozi z'ibibi z'ejo.
7 Kandi niba yarokoye Loti, idungane, wari yababezwe cane kubera kugitanga kubi kwabo bandu batagira
rutangira m'ugukora ibyaha, 8 Kubera ko iyo ndungane, yabaga atuye hagati yebo, atatumaga umutima
gwe gutungana no kuruhuka na kannyori kubera ibyo yabonaga kandi yumvaga ku mirimo yebo
y'ubugome. 9 Imana yiji gukura abandu baboneye mu bigeragezo, no kurekaho ababi kugira ngo bahanwe
k'umusi g'urubanza. 10 Abo ni abagenderaga cane m'umubiri, kubwo kugifuza bibi kandi basuzuguraga
ubutegetsi, ibihangange n'abatiji ukuri, abadatinyaga gutuka abanyacubahiro. 11 Kandi naho malaika
bakuru mu ngufu zebo n'ubushobozi, ndo bapimire na rimwe gucira urubanza rurikubatukisa imbere
y'Imana. 12 Ariko bo basana ng'ibisimba bidafite ubwenge, byaremirwe gufatwa no kubagwa, barigutuka
ibyo batiji, umwisho gwebo ni kurimbuka badyoye ububi bwebo. 13 Guco bakahembwe umushahara
guhwanye n'ibyaha byebo. Bishimiraga no kudamarara mu mutaga, abandu bari mumucafu, bandwiye,
bishimiraga ububesi bwebo, bakundaga gusangira namwe ibyija. 14 Amiso gebo guzwiyemo ubusambanyi,
ndo bahagaga gukora ibyaha, bashukashukaga ab'imitima mitoto, abafite imitima yamenyereye
umururumba. Ni abana bavumirwe. 15 Bayangire injira inyorokire, bazimiye, bakurikira injira ya Balama,
muhungu wa Beori, wakundire umushahara go kudatungana. 16 Yahanirwe kubera kutumvira kwe, igihe
ipunda itagambaga yayumvikanisise ijwi ry'umundu, igahagarika ubusazi bw'iyo mbuzi. 17 Abo bandu ni
isoko zitarimo amazi, n'ibicu birigusunikwa n'umuyaga kangari, babikiwe umuyobe gukomeye.
Bagambaga amagambo go kukireba, bayobowe no kugifuza k'umibiri, n'ibikorwa bimwazize,
babishukisaga abandu batorokire. 19 Babizezaga ubuhuru kandi nabo bari abakozi b'ibiborire kuko
igitsindire umundu, kimugiraga imbata yaco. 20 Kweli, niba nyuma yo kuva mu byandwiye by'isi, kubera
kumenya Umwami wetu Yesu Kristo, bongeye kubishubiramo, kugwa kwebo kwa nyuma kukabe kubi
kurengire ukwa mbere. 21 Kuko icari kuba kiboneye kuri bo, yabeye batapimye kumenya injira yo
gutungana, aho guhindukira bakava mubyo bayemeye bitungenye babaga bahewe. Imibereho yebo yo
hanyuma irusize iya mbere kuba mibi. 22 N'ibyo umugani bahewe gugambire ngo: Murebe! Imbwa
ishibiye kubyo yarukire, n'ingurube ishubiye kukigaragura mu condo. 1 Murebe mwewe twakundire,
ibaruwa ya kabiri yo mbandikiye. Mu mwe no mu yindi, ndenda kubyutsa ubwenge bwenyu butungenye,
nyuriye mu nyibutso. 2 Kugira ngo mwibuke amagambo gagambirwe mbere n'imbuzi zitungenye,
n'itegeko ry'Umwami n'Umukiza wetu, byayigisizwe na twewe, n'indumwa zenyu. 3 Mbere ya byoshe,
mugombire kumenya ko mu misi za nyuma, hakayije abannyeganyi, bakayije barikunnyega, bakakurikize
ibyo bararikiye. 4 Kandi bakagambe ngo: Indagano yo kwija kwe riri hehe? Kubera ko kuva igihe ba
shogokuruza bapfiriye, byoshe bimerire uko byari biri ku ndangiro yo kuremwa. 5 Benda kukiyobagiza ko
amajuru gabeyeho kera kubera ingambo ry'Imana, kandi ko isi yakuwe mu mazi kandi ko yakorirwe mu
mazi. 6 Kandi ko isi y'ico gihe yamirirwe n'amazi ikarimbuka. 7 Kandi ko kubera iryo gambo, ijuru n'isi
bya bunoya, bibikiwe umuriro, k'umusi g'urubanza na kurimbuka kw'ingozi z'amabi. 8 Ariko hariho ikindu
kimwe, mwewe bakunda betu, co mutagombire kuyoberwa. Nuko imbere y'Umwami, umusi gumwe ni
ng'imyaka igihumbi, kandi imyaka igihumbi ni ng'umusi gumwe. 9 Umwami ndo yatindire gushohweja
indagano ye, nguko bamwe babyemezaga. Ahubwo abaga ari kubihanganira. Ndo yenda ko haba numwe
wohera, yenda ko boshe bokihana. 10 Umusi gw'Umwami wetu gukayije ng'umusambo. Ugo musi,
amajuru gakahite n'urusaku kangari, n'ibyo gakorirwemo bikayake, bigurumire cane, isi n'ibiri muri yo
byoshe bikatwikwe n'umuriro. 11 Kubera ko binoya bikaharibike guco, tugombire kugifata gute? Tubereho
ng'indugane kandi amaisha getu gatungane. 12 Mukiringire kandi murindire ukwija k'ubwami bw'Imana.
Ugo musi, amajuru gakazambe kubera umuriro, kandi udupande tukayonge kubera ubushuhe kangari. 13
Ariko ukurikije indagano ye, turindiriye amajuru mashasha n'ubutaka bushasha, aho ubutungane bakabe.
14 Nico gitumire, abo dukundire, mukirindiriye ibyo, mugire ubwira, mutakasangwe ho umucafu, kandi
mutagira ico kubamwaza, mukibereye mu tuze. Mukizere ko kugihangana k'Umwami, 15 wetu ari wo
gakiza kenyu, nguko umukunzi, muvukanyi Paulo yabibandikiye nawe, bikurikije ubwenge yahewe. 16 Ico
nico yayandikaga mu baruwa ze zoshe, zo yagambagamo ibitumvikanaga vuba. Abapfiye ubwenge, abatari
bakomera mu kukizera, bahindwiye ibindu nguko bakoraga ku byandikirwe bindi, kugira ngo bahenebere.
17 Ariko mwewe, ko mumarire kuburirwa, mukirinde, kugira ngo guhaba kw'izo ngozi z'amabi
kutakatume mupoteza kukizera kwenyu. 18 Ariko mukure m'ubundu no m'ubumenyi bw'Umwami
n'Umukiza wetu Yesu Kristo. Kuri we habeho icubahiro, bunoya, no mu ibihe byoshe. Amina.


generated on Tue Dec 12 19:10:35 2023

## Book: 1 John

## 1 John

## Book: 2 John

## 2 John

## Book: 3 John

## 3 John

## Book: Jude

## Jude

## Book: Revelation

## Revelation